**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'IBANZE RWA KICUKIRO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RW' IBANZE RWA KICUKIRO.**

Umwaka wa 2023 umunsi wa munani w'ukwezi kwa Kamena;

Twebwe UWINGENEYE Espérance umucamanza mu Rukiko Rw'Ibanze rwa Kicukiro, dufashjwe n'umwanditsi warwo UWUMUKIZA Jeannette;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rw'ibanze rwa Kicukiro bwaregeye Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro uwitwa ISHIMWE Danny mwene ................ na .............................. Utuye mu Mudugudu wa Kabagendwa, Akagari ka Kamashashi, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro , Umujyi wa Kigali, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake; kwihesha ikintu cy'undi hakoreshejwe uburiganya; kwangiza cyangwa konona ikintu cy'undi ibyaha biteganywa n'ingingo y'121, 174 n'186 z' itegeko n°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 02042/PPL KICU/2022/MRU/MR cyageze mu rukiko kikandikwa kuri **RP 00605/2022/TB/KICU**.

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 05/05/2023 saa tatu za mu gitondo ariko **ISHIMWE Danny** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera, hakemezwa ko rwimurirwa

tariki ya 7/11/2023 saa tatu za mu gitondo kugira ngo ahamagazwe nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **ISHIMWE Danny** kwitaba Urukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro kuwa ***7/11/2023 saa tatu za mugitodo (9h00)***, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe haruguru aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirirwe urubanza adahari;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rw'ibanze rwa Kicukiro

Iki cyemezo gitangira gukurikizwa umunsi cyafashweho.

Bikorewe I Kicukiro ku munsi, Ukwezi n'Umwaka byavuzwe haruguru.

**UMUCAMANZA** | **UMWANDITSI**

**UWINGENEYE Espérance** | **UWUMUKIZA Jeannette.**